National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*The Governor*

# ITANGAZO RIGENEWE SACCOs

Hakurikijwe ingamba nshya za Guverinoma y'u Rwanda mu guhangana n'icyorezo cya COVID-19 nk'uko zatangajwe kuwa 30 Mata 2020 aho imirimo imwe n'imwe yemerewe gusubukurwa nyuma yo kumara igihe ifunze, Banki Nkuru y'u Rwanda iramenyesha Amakoperative yo kubitsa no gutanga inguzanyo (SACCOs), ko ibipimo ntarengwa byihariye byo kubikuza byari byashyizweho n'itangazo ryo kuwa 24 Werurwe 2020 bikuweho kugira ngo abanyamuryango b'ayo makoperative babashe gukora imirimo yabo nta nzitizi.

Ayo makoperative akaba yibutswa gukomeza gukurikiza amategeko n'amabwiriza asanzwe agenga urwego rw'Imari Iciriritse.

Bikorewe i Kigali, kuwa 06 Gicurasi, 2020

NATIONAL BANK OF RWANDA: THE GOVERNOR

**RWANGOMBWA John**
**Guverineri**